**REPUBLIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA NGOMA**

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

Umwaka wa 2021, umunsi wa mbere w'ukwezi kwa K'Ukwakira;

Twebwe **MUSABYIMANA Claudine**, Umucamanza mu Rukiko Rwisummbuye rwa Ngoma, dufashijwe na **Muhayimana Bernardin**, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Ngoma bwaregeye Urukiko uwitwa **Nsanzamahoro Theogene** mwene Sendegeya Yohana na Nyirabahire Bernadette, wavutse kuwa 1/1/1982, ubarizwa mu Mudugudu wa Gatoma,Akagali ka Rurenge,Umurenge wa Murama, Akarere ka Ngoma, Intara y'Iburasirazuba;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha cyageze mu Rukiko gihabwa no RP RP 01312/2021/TGI/NGOMA bukurikiranyeho **Nsanzamahoro Theogene,**icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake giteganywa kandi kigahanwa n'ingingo ya 121 y'Itegeko nº 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018, riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'iya 161 y'Itegeko n° 27/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'Inshinjabyaha, iteganya uko uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera ahamagazwa;

Dutegetse **Nsanzamahoro Theogene** kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma kuwa **9/11/2021** saa mbiri za mu gitondo kugira ngo aburane urwo rubanza aregwamo n'Ubushinjacyaha;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ku Rukiko rwagifashe kandi kikanatangazwa kuri website y'Urukiko rw'Ikirenga ari yo www.judiciary.gov.rw.

**UMUCAMANZA** **UMWANDITSI**

**MUSABYIMANA Claudine** **Muhayimana Bernardin**